# GUSARURA NEZA KAWA YEZE NEZA

Isyirwa mu bikorwa

## Gusarura

Kawa ziteze neza cyangwa zumiye ku biti zitera igihombo k'umuhinzi









| | | | |
|---|---|---|---|
| Ibiro | 70kg | : | 100kg |
| FRW | 10,500FRW | : | 60,000FRW |







Gusarura ikawa iteze (icyatsi kibisi,umuhondo) cyangwa yeze birenze (yumiye ku giti) bigira ingaruka kubwiza bwa kawa. Muri make ntibyemewe kwakira ikawa mbi(iteze cyangwa yarengeje).
**Umusaruro mwiza uzanywe kugihe gikwiye bituma ikawa iba nziza.**
Ababikoze neza bagomba guhabwa bonus (agahimbazamusyi).



- Koresha **igikoresho** ushobora kuzirika mu ijosi cyangwa murukenyerero ukakigendana mugihe uri gusarura. Nibyiza gukoresha agatebo gasukuye ko gushyiramo ikawa ihiye neza, n'agafuka gato ko gushyiramo ikawa itameze neza (Izumye, izariwe n'udusimba, izidahishiye neza…..)

- Igiti cyose cya Kawa gishobora gusarurwa **buri minsi 7-10 mugace gashyuha ahari ubutumburuke bugufi n'iminsi 10-15 ahantu hakonja mu misozi miremire.** Ibitumbwe bihishira neza iyo imvura iri kubineka kukigero cyiza.

- Shyira **shiting munsi y'igiti** kugirango ibitumbwe bigucitse biyigweho ubirinde guhura n'ubutaka.

- Suka ibitumbwe mu **mufuka usukuye neza** Ubijyane ku ruganda rutunganya Kawa.

Ifoto y'umuhinzi ufite agatebo n'agafuka byo gusaruriramo



Ifot ya shitingi ishashe munsi y'igiti



Umufuka wuzuye ibitumbwe bya Kawa byo kujyanwa ku ruganda

